Republic of Rwanda
Northern Province
Musanze District

**INAMA YO KUVUGURURA UMUJYI WA MUSANZE YO KUWA 17/06/2026.**

Inama yabereye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Musanze, iyoborwa na Vice Mayor UWANYIRIGIRA Clarisse, ushinzwe ubukungu. Yitabiriwe n'abagize Comité yo kuvugurura Umujyi, abakozi b'ubutaka mu Karere, abanyamabanga nshingwabikorwa b'Imirenge igize Umujyi, abakozi bashinzwe ubutaka mu Mirenge igize Umujyi, Abanyamabanga nshingwabikorwa b'utugari tw"imirenge igize Umujyi, abafite ibibanza n'amazu atavuguruye muri phase ya 1, 2 na 3 yo kuvugurura Umujyi, abafite ibibanza n'inyubako zitavuguruye muri Centres z'ubucuruzi no ku mihanda migari, abafite inzu zishaje bikabije mu Mujyi wa Musanze.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo yo kwerekwa icyerekezo cy'ivugururwa ry'Umujyi wa Musanze, kwibutsa imyanzuro inyuranye yafashwe muri urwo rwego no gufatira hamwe imyanzuro ituma igikorwa cyo kuvugurura umujyi kirushaho kwihuta. Abitabiriye inama bagaragarijwe kandi ibyo Smart City Post Command (SCPC) yasanze bigomba gukosorwa mu buryo bwihutse.

Ibiganiro byayobowe n'Ijambo rya Vice Mayor ushinzwe ubukungu, Perezida wa Comité yo kuvugurura umujyi ndetse na Présentations zerekana uko ivugurura rihagaze, icyerekezo n'ibigomba gukosorwa. Hasomwe kandi itegeko rigenga imikoreshereze y'ubutaka ndetse n'ibihano bigenerwa udakoresha ubutaka icyo bwagenewe. Aho byagaragajwe ko Leta ifite uburenganzira bwo gusesa amasezerano y'ubukode no kwambura ubutaka utabukoresha icyo bwagenewe.

AKARERE KA MUSANZE

Nyuma yo kungurana ibitekerezo no gutanga inama zinyuranye zatuma umujyi urushaho gutera imbere, hafashwe imyanzuro ikurikira:

| N0 | **Umwanzuro** | **Igihe** |
|---|---|---|
| 01 | Ishyirwaho za Comité zo kuvugurura Umujyi mu Mirenge yose igize Umujyi ndetse no muri Centres z'ubucuruzi mu rwego rwo gukomeza mobilization | Bitarenze kuwa 1/7/2026 |
| 02 | Abafite inzu zigomba kuvugururwa muri phase ya 1, 2 na 3 inyubako zigomba kuba zakuweho. | Bitarenze kuwa 1/7/2026 |
| 03 | Abafite inyubako zirenze imwe mu zigomba kuvugurwa bakaba barahawe amahirwe yo kubaka imwe,izindi zigasigara zikora. Basabwe kwihutira kubaka izo biyemeje guheraho bitabo ibyo zose zigafungwa kugira ngo hubahirizwe umwanzuro.Barasabwa kandi guhita bakuramo za Dépots zashyizwe mu bikari byazo. | Bitarenze kuwa 1/7/2026 |
| 04 | Ibibanza bitubatswe bigomba gukorwamo Parking cyangwa ubusitani (bikozwe neza). Bitakorwa na ba nyirabyo, bigakorwa n'Akarere nyiri ubutaka agasigara yishyuzwa igiciro cy'ibikorwa ndetse n'amande ategetswe. | Bitarenze kuwa 15/07/2026 |
| 05 | Inyubako zabaruwe mu tugari twose tugize umujyi, zagaragajwe ko zishaje cyane ku buryo zishobora gushyira ubuzima mu Kaga, ba nyirazo bagomba kwandikirwa basabwa kwihutira kuzikuraho | Bitarenze kuwa 15/07/2026 |
| 06 | Kuvugurura ikizungu n'amazu ari ku muhanga Uva mu Mujyi ugera kalisimbi(Iburyo n'ibumoso) bigomba gutangira vuba | Bitarenze kuwa 01/01/2027 |
| 07 | Phase ya 4 yo kuvugurura umujyi izakorwa mu bice by'ibereshi no kuri coorridors z'imihanda minini igana mu Kinigi, Karwasa, Busogo,BNR-Kampala(Nyakinama) na INES-Kinigi | Bitarenze kuwa 1/1/2028 |

| | | |
|---|---|---|
| 08 | Akarere kasabwe gukora inyigo z'imihanda mito yo muri za Quartiers no gushishikariza abazituye kwikorere ibikorwa remezo | Igikorwa gihoraho |

Abitabiriye inama bashishikarijwe kuvugurura umujyi bibanda ku mishanga minini kandi itanga ibisubizo mu iterambere ry'Igihugu. Bakangurirwa ubufatanye no gukora ishoramari rihuriweho.

Bikorewe I Musanze, kuwa 17/06/2026

UWANYIRIGIRA Clarisse, Vice mayor ushinzwe ubukungu

TUGENGWENAYO Théonas, Perezida wa Comité yo kuvugurura Umujyi

NDACYAYISABA Josue, Umuyobozi wa One Stop Center Musanze District

**Umugereka:**

-Urutonde rw'abitabiriye inama